PARUWASI YA KINUNU YAHIMBAJE YUBILE Y'IMYAKA MIRONGO ITANU IMAZE ISHINZWE

Kuri iki Cyumweru, tariki ya 26 Kanama 2018, Paruwasi y'Umutima Mutagatifu wa Yezu Kinunu yizihije Yubile y'imyaka mirongo itanu imaze ishinzwe. Ibirori by'uyu munsi muhire byabimburiwe n'igitambo cy'Ukaristiya cyatangiye saa yine n'igice za mugitondo, kiyoborwa na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo ari kumwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umwepiskopi ucyuye igihe wa Diyosezi ya Nyundo ndetse na Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Ruhengeri.

Aba bepiskopi bari bashagawe n’abasaseridoti bagera kuri mirongo ine, harimo abakorera ubutumwa muri iyi Paruwasi, abahakoreye ubutumwa mu bihe binyuranye, abasaseridoti bavuka muri iyi Paruwasi n’abasaseridoti baturutse mu maparuwasi atandukanye baje gufasha Paruwasi gushimira Imana ibyiza yayigiriye mu myaka mirongo itanu imaze ishinzwe.

Ku rundi ruhande, imbaga y’abakristu baturutse imihanda yose yari yakereye guhimbaza uyu munsi mukuru. Hari abihayimana bavuka muri iyi Paruwasi n’abandi bihayimana bo mu miryango inyuranye . Abakristu b’ingeri zose, abakuru n’abato, bavuye muri Santrali zose za Paruwasi uko ari eshatu bari bazinduwe no guhimbaza ibi birori bitagatifu. Abakristu bavuka muri iyi

Paruwasi ariko batuye ahandi (Kigali, Gisenyi n'ahandi) bari batewe ishema no kugaruka ku ivuko guhimbaza Yubile ya Paruwasi yabo. Abashyitsi banyuranye bo mu nzego za Leta, barangajwe imbere n'umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Madame Émérence AYINKAMIYE bari baje gushyigikira Paruwasi muri uyu munsi muhire.

UMWAKA WA YUBILE, UMWAKA MUTAGATIFU !

Saa yine n'igice (10h30) nibwo umutambagiho werekezaga ahagombaga guturirwa igitambo cya Misa wari utangiye. Muri iyi Misa, amasomo matagatifu yasomye : Isomo rya mbere ryavuye mu gitabo cy'Abalevi **(Lev 25,8-10.17-19)**, isomo rya kabiri riva mu ibaruwa Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye Abanyakolosi **(Kol 3,12-17)** naho Ivanjili Ntagatifu yanditswe na Mutagatifu Luka **(Lk 10, 21-24).**

Mu nyigisho ye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet Mwumvaneza yagarutse ku gisobanuro cya Yubile n'ibikorwa bikwiye gukorwa mu mwaka wa Yubile : Kubanira neza bagenzi bacu, *« Ntihazagire rero umuntu wungukira kuri mugenzi we »,* kurangwa n'imigenzo myiza : Kubahiriza amategeko y'Imana, kugira umutima wuje impuhwe, ubugiraneza, ubwiyoroshye, ituze, n'ukwiyumanganya. Undi mugenzo yahamagariye imbaga y'abakristu ni umugenzo wo kwihanganirana, kubabara no kubabarirana, byose bigakorwa mu rukundo. Ibi yabigarutseho nyuma yo kuvuga ku mateka igihugu cyacu ndetse na Paruwasi ya Kinunu by'umwihariko, yaciyemo, amateka ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Nyiricyubahiro Musenyeri yasoje inyigisho ye yibutsa gahunda y'imyaka itanu yateguraga iyi Yubile n'intego yajyanaga na buri mwaka mu rwego rwo kwitagatifuza :

- *Umwaka wa 2014 :* Muri uyu mwaka intego yagendeweho yari : « *Twubahe umunsi w'icyumweru, ube umunsi wo gusenga no kuruhuka indi mirimo* »[1]. Abakristu bashishikarijwe gutura Igitambo cy'ukaristiya cyane cyane kwitabira umunsi w'Icyumweru.
- *Umwaka wa 2015 :* intego yagendeweho yari: « *Urugo rwacu turugire irerero ry'ubukristu* ». Urugo rw'abashakanye rwasabwe kuba igicumbi cy'ukwemera.

[1] *Ibidem*, n. 20.

- *Umwaka wa 2016 :* Intego y'uyu mwaka yagiraga iti : « *Dushyigikiwe n'Impuhwe z'Imana, duhimbaze kandi duhabwe neza amasakramentu twabyiteguye* ». Abakristu bararikiwe guhabwa neza amasakramentu, guhimbaza no guhabwa amasakramentu neza babyiteguye uko bikwiye[2]. Bahamagariwe kandi kubaha no guha agaciro amasakramentu kubera ko aduhuza n'Imana kandi akadufasha gukura mu buzima bwa gikristu.
- *Umwaka wa 2017 :* Abakristu, muri uyu mwaka, basobanuriwe birushijeho umwanya wa Bikira Mariya mu buzima bwa Kiliziya no buzima bw'abakristu. Bibukijwe ko Bikira Mariya abasabira kandi akabagira inama nziza iyo bamwiyambaje. Bazirikanye ku nsanganyamatsiko igira iti : « *icyo ababwira cyose mugikore* » (Yh2, 5). Hibanzwe kandi k'ubutumwa Umubyeyi Mariya yatangiye i Kibeho : « Kwemera Yezu Kristu, gusenga nta buryarya no kwisubiraho mu myitwarire yacu »[3].
- *Umwaka wa 2018 :* Muri uyu mwaka, insanganyamatsiko yari «.*Uhoraho nzamwitura iki ku byiza byose yangiriye ? » (Zab 116,12).* Abakristu bahamagariwe gushimira Imana ibyiza ihora ibagirira. Muri uyu mwaka kandi abakristu bigishijwe ku buryo bwimbitse icyo Yubile ari cyo.

Nyuma y'inyigisho, hakurikiyeho umuhango wo gusubiramo amasezerano ya Batisimu no guhimbaza yubile kw'abakristu bamaze imyaka mirongo irindwi n'itanu, mirongo itanu na makumyabiri n'itanu babatijwe cyangwa se basezeranye. Aba bakristu bambwitswe amashapule n'abepiskopi nk'urwibutso rwa Yubile yabo. Saa saba n'igice (13h30) nibwo Misa yari ihumuje hakurikiraho gusura inzu y'amacumbi yubatswe mu mwaka wa Yubile.

[2] Reba Ibaruwa Abepiskopi gatorika bo mu Rwanda bandikiye abakristu mu mwaka w'ukwemera, *Twivugurure mu kwemera kwacu*, n. 20.
[3] Reba Ibaruwa Abepiskopi gatorika bo mu Rwanda bandikiye abakristu mu mwaka w'ukwemera, *Twivugurure mu kwemera kwacu*, n. 25.

GUSURA INZU Y'AMACUMBI N'IBIRORI BY'UMUNSI MUKURU

Nyuma ya Misa Abepiskopi, abasaseridoti n'abashyitsi bakuru bagiye gusura kimwe mu bikorwa remezo byagezweho mu mwaka wa Yubile : inzu y'amacumbi ya Paruwasi. Bamaze gusura iyi nzu, hakurikiyeho ibirori byaranzwe n'imbyino z'abakristu mu ngeri zose (abakuru n'abato), umuvugo, indirimbo yahimbiwe Yubile n'amagambo y'abanyacyubahiro banyuranye.

Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kinunu, Padiri Innocent TUYISENGE, yabanje kwerekana abashyitsi bari baje gushyigikira Paruwasi. Nyuma abaha ikaze, anababwira muri make ubuzima bwa Paruwasi, ibikorwa Paruwasi yishishimira mu myaka mirongo itanu imaze n'imbogamizi igenda ihura nazo.

PARUWASI YA KINUNU, IBAYE UBUKOMBE

Bwana Pascal NYAMINANI, umukristu uhagarariye abandi ku rwego rwa Paruwasi, mu ijambo rye yavuye imuzi amavu n'amavuko, amajyambere n'ubuzima bya Paruwasi ya Kinunu. Yahereye amateka ya Paruwasi, igihe Kinunu yari inama ya Misiyoni ya Murunda, avuga uko yabaye Paruwasi mu 1968, ishinzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI, igahabwa Padiri Georges Lovens nka Padiri Mukuru. Yavuze ku buryo burambuye ibikorwa bitagatifuza imbaga byakozwe mu rugendo rwo kwitegura Yubile nk'uko Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yari yabigarutseho mu nyigisho ye mu Misa, ndetse ageza kubari bamuteze amatwi ibikorwa biteza imbere Paruwasi byagezweho :

- Kubaka « chapelle » ya Santrali ya Syiki, yatashywe ku itariki ya 23 Mutarama 2016.
- Kuvugurura « Chapelle » ya Santrali ya Murama. Byarangiye ku itariki ya 20 Nzeri 2015.
- Kuvugurura icumbi ry'abanyeshuri riri kuri Paruwasi.
- Kubaka inzu y'amacumbi kuri Paruwasi, ibikorwa birakomeje.
- Kubaka "Chapelles" z'imiryango remezo.Ibi byakomwe mu nkokora n'inkubiri yo guhagarika za Kiliziya zitujuje ibisabwa.

Uhagarariye abakristu yasoje ijambo rye ashimira Umwepiskopi n'abo bafatanyije ubutumwa uburyo badahwema kwita ku bushyo baragijwe, bahora bashaka icyarushaho kubateza imbere kuri roho no ku mubiri. Yabasabye kandi ko bareba uko bafasha abasaseridoti bakorera ubutumwa muri iyi Paruwasi, bababonera uburyo bubafasha kugera ku ntama baragijwe biboroheye kandi imvura itababereye impamvu yo kubageraho bakerewe.

Nyuma y'ijambo ry'umukristu uhagarariye abandi, hatanzwe « certificats » z'ishimwe ku bakristu bitangiye kandi bacyitangira Kiliziya ku buryo bugaragara, bashimira umurava n'ubwitange bagaragarije Paruwasi ya Kinunu. Nyuma y'iki gikorwa hatanzwe ubuhamya bw'abakristu. Honorable Odette NYIRAMIRIMO yasangije abari bateraniye i Remera, amateka ya Paruwasi, ibikorwa bya Padiri Georges Lovens, ibihe bikomeye Paruwasi yaciyemo n'ubuzima bwa Paruwasi nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Naho Madamu Vestine NIKUZE atanga ubuhamwa bugaragaza uko abakristu ba Paruwasi ya Kinunu bamufashije kubona uburyo bwo kwivuza mu gihe yari yabuze ubushobozi bwo kubyikorera.

INYIGISHO DUHABWA ZIJYE ZITUGIRIRA AKAMARO

Mu ijambo rye, umuyobozi w'akarere ka Rutsiro Madame Emerance AYINKAMIYE yashimiye Paruwasi ibyo imaze kugeraho mu myaka mirongo itanu imaze ishinzwe. Yayishimiye uburyo idahwema gufasha abaturage, by'umwihariko abakristu, kujya mbere kuri roho no ku mubiri. Ashimira imikoranire myiza iranga iyi Paruwasi n'ubuyobozi bwite bwa Leta. Yasoje ijambo rye asaba imbaga y'abakristu yari iteraniye i Remera gukomeza guharanira guhuza inyigisho bahabwa mu Kiliziya n'ubuzima bwabo bwa buri munsi, bagahora ari itara rimurikira abandi. Yagize ati "Inyigisho duhabwa mu

Kiliziya, n’izo duhabwa n’ubuyobozi bw’igihugu, zijye zitugirira akamaro. Ntitukigishwe ngo nitugera hanze twikorere ibindi”.

KILIZIYA IZUBAKWA NATWE

Igice cya kabiri cy’umunsi mukuru cyasojwe n’ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, aho yashimiye abitabiriye guhimbaza uyu munsi mukuru. Ashimira abepiskopi, kuba baje gushyigikira iyi Paruwasi, nubwo bwose bari bafite indi mirimo bahamagariwe. Ashimira abasaseridoti bakomeje Paruwasi ya Kinunu, ashimira abakristu bose kuko bamaze kumva ko Kiliziya ari iyabo, ibi bikagaragazwa n’ibyo bamaze kugeraho mu kwiyubakira Paruwasi. Yavuze ko Kinunu izakomeza kubakwa n’abakristu nk’uko Padiri Georges Lovens yabivugaga asubiza abamubazaga uko Kiliziya izubakwa : *“ Par qui? Nous, Nous.”* (Kiliziya izubakwa natwe). Yasabye abakristu ko Ivanjili yakomeza kubabera Urumuri, ubukristu ntibube ubw’abasaza gusa, ahubwo hakarushaho kwitabwa ku bato n’urubyiruko bo Kiliziya y’ejo. Yasoje ashimira uko umunsi mukuru wateguwe, uko wagenze. Kuri uyu munsi utazibagirana mu mateka ya Kinunu, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yagabiye Paruwasi inka izajya ikamirwa abashyitsi bayigendereye.

ABAMENYE PADIRI GEORGES LOVENS BAMUVUZE IBIGWI

Nyuma y'ibirori, hakurikiyeho kwakira abashyitsi. Muri iki gice cya gatatu, ari nacyo cyasoje umunsi mukuru, amagambo yahavugiwe, ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent HAROLIMANA n'irya Honorable KUBWIMANA Chrysologue, yagarukaga ku mateka ya Paruwasi ya Kinunu, ubuzima n'ibikorwa by'impangare bya Padiri Georges Lovens, wakoreye ubutumwa muri iyi Paruwasi kuva igishingwa kugeza mu 1994, bamushimira uko yitangiye Paruwasi atizigama n'uko yafashije abakristu mu kwemera Imana y'ukuri. Bagarutse kandi ku bukristu bw'abanyakinunu, imbogamizi bwagiye buhura nazo n'uko abasaseridoti bakurikiye Padiri Georges Lovens bakomeje gufasha abakristu kujya mbere kuri roho no ku mubiri. Ibirori byasojwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yongera gushimira buri wese uruhare yagize mu gushyigikira Paruwasi ya Kinunu mu myaka mirongo itanu imaze ishinzwe.

PARUWASI Y'UMUTIMA MUTAGATIFU WA YEZU KINUNU

Paruwasi y'Umutima Mutagatifu wa Yezu Kinunu ni imwe muri Paruwasi 26 zigize Diyosezi ya Nyundo. Iherereye mu Ntara y'Uburengerazuba bw'u Rwanda, mu Karere ka Rutsiro, ifata igice kinini cy'umurenge wa Boneza (ukuyemo umudugudu wa Rwabisururu uri mu Kagari ka Kabihogo) n'igice kinini cy'umurenge wa Musasa (utugari twa Murambi, Nyarubuye na Gabiro). Ni Paruwasi ibarizwa muri "Doyenné" ya Biruyi, ikaba ihana imbibi na Paruwasi za Biruyi, Kavumu, Murunda, Crête Congo-Nil, Mushubati ndetse n'ikiyaga cya Kivu.

Paruwasi ya Kinunu igizwe na Santrali eshatu, inama z'imirenge cumi n'esheshatu n'inama enye zihariye. Igizwe kandi n'imiryango remezo mirongo irindwi n'itanu .

Izina Kinunu ryahawe iyi Paruwasi ryariho na mbere y'ishingwa ryayo. Kinunu yari "sous chefferie" naho Akanage ari "Chefferie". Kinunu nka Paruwasi yatangiye mu 1968 nyuma gato ya Pasika ubwo Padiri Georges Lovens wari umugenzuzi w'amashuri muri Diyosezi yaje muri Murunda akomeza ajya i

Kinunu. Icyo gihe Kinunu yari inama ya Misiyoni ya Murunda. Guhera mu 1968 kugeza 1994 yari Paruwasi igizwe na Santrali imwe iyoborwa n'umupadiri umwe. Kuva mu 1994 kugera muri 2004 yari Paruwasi iyoborwa n'abapadiri babaga muri Paruwasi ya Kivumu icyo gihe. Guhera 2004 hagiye haba abapadiri babiri babiri kandi Paruwasi yongerwaho Santarali ya Syiki ivuye kuri Paruwasi ya Murunda na Santarali ya Murama ivuye kuri Paruwasi ya Crête Congo -Nil. Ubwo Paruwasi iba ibaye ngari igizwe na Santarali eshatu: Remera, Syiki na Murama.

Paruwasi ya Kinunu imaze kwibaruka abapadiri barindwi n'abihayimana batandatu. Kuva yashingwa mu mwaka w'i 1968, abapadiri cumi na babiri nibo bamaze kuhakorera ubutumwa. Andi mateka ajyanye na Paruwasi ya Kinunu akubiye mu gitabo cyanditswe mu mwaka wa Yubile « Paruwasi y'Umutima Mutagatifu wa Yezu Kinunu, *Incamake y'amateka ya Paruwasi Kinunu*, Kinunu 2018 » kiboneka kuri Paruwasi.

Fratri Marcel MUSABYIMANA